Republic of Rwanda

RWANDA ENVIRONMENT
MANAGEMENT AUTHORITY
(REMA)

REMA
OUR ENVIRONMENT OUR FUTURE

# IMIRONGO-NGENDERWAHO YO GUCUNGA NEZA UDUPFUKAMUNWA TWAKORESHEJWE MU KWIRINDA COVID-19

## Intangiriro

Zimwe mu ngamba zashyizweho na Leta y'u Rwanda mu kwirinda icyorezo cya Coronavirus (COVID-19) harimo no gukoresha udupfukamunwa kugira ngo icyorezo kidakomeza guhererekanywa hagati y'abantu. Mu Rwanda kimwe n'ahandi henshi ku Isi, udupfukamunwa twakoreshejwe dukeneye gukurwaho mu buryo butangiza ibidukikije, kuko tudacunzwe neza byatanga icyuho cyo kwangiza amazi, ubutaka ndetse n'umwuka duhumeka, tutibagiwe gukomeza guhererekanya icyorezo cya COVID-19.

Itegeko N°48/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga ibidukikije rivuga ko *"Imyanda ikomeye igomba kuvangurwa, gukusanywa no gatwarwa ahabugenewe hakurikijwe amategeko abigenga".*

Mu rwego rwo kurinda ubuzima, urusobe rw'ibinyabuzima n'ibidukikije muri rusange, Ikigo cy' Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije (REMA) gishyizeho imirongo-ngenderwaho yifashishwa mu gufata neza udupfukamunwa twakoreshejwe.

## Ingingo ya mbere: Icyo iyi mirongo-ngenderwaho igamije

Iyi mirongo-ngenderwaho igamije ibi bikurikira:

1. Gufata neza udupfukamunwa twakoreshejwe hirindwa gukwirakwiza COVID-19;
2. Kurengera ibidukikije n'urusobe rw'ibinyabuzima (mu mazi, ku butaka no mu mwuka) hirindwa kujugunya udupfukaminwa twakoreshwejwe ahatabigenewe;
3. Gushyiraho uburyo bwo gukusanya udupfukamunwa twakoreshejwe kugirango tugezwe aho dukurwaho mu buryo butabangamiye ibidukikije (safe disposal).

## Ingingo ya 2: Abarebwa n' iyi mirongo-ngenderwaho

Iyi mirongo-ngenderwaho ireba abantu bose bari mu Rwanda bakoresha udupfukamunwa hirindwa COVID-19, mu miryango yabo, aho bakorera n'aho bagenda. Ireba kandi abacuruza udupfukamunwa.

## Ingingo ya 3: Imirongo-ngenderwaho igenga imicungire y'udupfukamunwa twakoreshejwe hirindwa COVID-19

Kugira ngo hakomeze kwirindwa ikwirakwizwa ry'icyorezo cya COVID-19 no kwangiza ibidukikije, udupfukamunwa twakoreshejwe tugomba gutandukanywa n'indi myanda yo mu rugo cyangwa aho abantu bakorera. Ibikurikira bigomba gukurikizwa:

1. Birabujijwe kuvanga udupfukamunwa twakoreshejwe n'indi myanda isanzwe yo mu rugo cyangwa aho abantu bakorera;
2. Birabujijwe kujugunya aho ari ho hose agapfukamunwa kakoreshejwe cyangwa kugatwika;
3. Guteganya ibikoresho byihariye bishyirwamo mu buryo bw'agateganyo udupfukamunwa twakoreshejwe hirindwa kutuvanga n'indi myanda;
4. Mu ngo, mu biro, mu isoko n'ahandi hose hakorerwa imirimo itandukanye, abahaba/abahakorera bagomba guteganya ahantu hihariye habugenewe hazajya habikwa ibikoresho birimo udupfukamunwa twakoreshejwe;
5. Ahabikwa by'agateganyo udupfukamunwa twakoreshejwe hagomba kuba hari mu ntera ihagije (nibura metero 4) uvuye ahakorerwa indi mirimo cyangwa aharara abantu;
6. Kwirinda ko ahashyizwe udupfukamunwa twakoreshejwe hakoreshwa ikindi kintu icyo aricyo cyose hatabanje gusukurwa n'imiti yabugenewe;
7. Ibikoresho bishyirwamo udupfukamunwa twakoreshejwe bigomba kuba bidahura n'amazi cyangwa ubuhehere (humidité);
8. Ibikoresho bishyizwemo udupfukamunwa twakoreshejwe bigomba gushyirwa kure y'abana n'undi wese utemerewe kubikoraho kugeza igihe bizahavanwa bijyanwa ahagenewe ikurwaho ryabyo (disposal);
9. Ibikoresho byashyizwemo udupfukamunwa bigomba kubikwa neza kugeza igihe bizakusanyirizwa bijyanwa ahagenewe kubitunganyiriza;
10. Bibaye ngombwa ko udupfukamunwa twakoreshejwe twimurwa tukabikwa ahandi by'agateganyo, ubikora agomba kuba yambaye agapfukamunwa n'uturindantoki (gloves);
11. Abaturage barasabwa kujya batwara udupfukamunwa twakoreshejwe ku bemerewe kuducuruza igihe cyose bagiye kugura utundi cyangwa igihe bashaka kudukura mu ngo zabo cyangwa aho bakorera. Bashobora no kudushyira ku bigo by'ubuvuzi na za farumasi;

Abemerewe gucuruza udupfukamunwa bose, ibigo by'ubuvuzi (Ibitaro, Centres de santé, Postes de santé) na farumasi bagomba gushyiraho ahantu habikwa udupfukamunwa twakoreshejwe tuvuye mu baturage hujuje ibyavuzwe haruguru, ari naho tuzakurwa tujya gukurwaho mu buryo butabangamiye ibidukikije.

Bikorewe i Kigali, kuwa ..28../..04../2020

RWANDA ENVIRONMENT MANAGEMENT AUTHORITY - REMA

**Eng. Coletha U. RUHAMYA**
**Umuyobozi Mukuru**